**Kontakt:** Meinolf Wacker
Kirchplatz 7
59174 Kamen

Mobil.: +49-172-5638432
Mail: meinolf.wacker@go4peace.eu
Homepage www.go4peace.eu

*Nyakanga 2024* *ikinyarwanda*

# Tinyuka utere intambwe!

**Yezu abwira Petero ati: „Ngwino“ (Mt 14,29)**

Nshuti bakunzi ba go4peace,

Mbikore cyangwa mbyihorere? Ni kenshi twisanga mu bihe bidukomereye, aho umuntu aba adashobora kwiyumvisha inzira akwiye kwerekezamo iyo ari yo. Ubuzima budusaba kenshi gufata imyanzuro mishya. Hari igihe haba hari ikintu cyiza kirmo kudukurura. Muri icyo gihe umuntu aba abona hari byinshi bishoboka mu buzima. Ariko ntituba tuzi neza niba bizagenda neza. Icyifuzo kidutuyemo cyo kumva twabaho dutekanye, gituma kenshi tugenda gake tukabanza tukitonda.

Petero Intumwa na we ntibyamworoheye kubaho mu gushidikanya. Ese yegukere Yezu burundu? Yumvaga muri we ameze nk’ubwato burimo gutwarwa n’umuhengeri hirya no hino. Ariko kandi niba ashaka gutera intambwe ijya mbere, yagombaga gusa n’uwirengiza cya cyifuzo cyo kumva yabaho atekanye muri byose. Yezu rero yamuteye akanyabugabo ni uko aramubwira ati: „Ngwino!“ (Mt 14.29)

Igihugu umwana umwe w’umukobwa akomokamo nticyashoboraga kumufasha kugera ko nzozi ze yari afitiye ejo hazaza. Ni yo mpamvu yari yarafashe umwanzuro ko akirangiza amashuri yisumbuye azajya mu kindi gihugu. Ntibyari bimworoheye gusiga umuryango we, no kumva ko kuva ubwo azajya ababona gake gashoboka. Ariko ntibyamubujije gutinyuka gutera iyo ntambwe, yizeye isezerano rya Yezu ko atizigera adusiga twenyine. Hakurikiyeho amezi n’imyaka itari imworoheye na mba. Kenshi yumvaga ari wenyine. Gusa yarikomeje, yiyemeza gukomera ku ntego yiyemeje no gukomeza urugendo. Nyuma y’uko arangije kaminuza neza anabonye akazi keza, yagize ati: „Nejejwe no kuba naratinyutse gutera iyi ntambwe nyuma yo kurangiza amashuri yisumbuye!“

Iyo icyemezo cyafashwe, ntibivuze ko byose bigomba kugenda neza. Gusa dukwiye kwizera no gushingira k’uko Petero byamugendekeye. Igihe Petero yari atangiye kurohama ukuboko gukiza kwahise kumukurura ni uko amushyira mu bwato. **Tinyuka utere intambwe!**

Ku bw’itsinda rya go4peace Meinolf Wacker